**FEDERATION RWANDAISE DES PUERI CANTORES**
**Tel : 0782750072 / 0788809313**

~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~

Bana b'Abaririmbyi nkunda, nimugire amahoro!

Buri mwaka kw'italiki ya 09 Werurwe, duhimbaza Dominiko Savio umurinzi w'umuryango wacu, niyo mpamvu mu nshingano natorewe n'abayobozi b'amatorero yanyu yo kuyobora uyu muryango mu Rwanda, ngirango muri uyu mwaka wanjye wa mbere ngire icyo mbabwira kuri uyumunsi: **Nimugire amahoro:(Yh 20;19).** Iri jambo Kristu yabwiye abigishwa be nyuma y'imibabaro yari amaze gucamo, nyuma yo gupfa; **YARAZUTSE; arabasanga** kugirango ababwire ko yatsinze urupfu,ko yazutse; natwe umuryango wacu iyi ntero niyo iyobora ubutumwa bwacu**: AMAHORO**: Turi abogezabutumwa b'amahoro ya Nyagasani wazutse, muri iyo ntero rero ndashaka kubibutsa ko uyu munsi duhimbaza umurinzi wacu Dominiko Savio nibura twagira ingingo imwe muzaranze ubuzima bwe tuzagenderaho uyu mwaka" **DOMINIKO SAVIO UTABARIZA IMBABARE**". Umunsi umwe yabwiye umurezi we akaba yari n'umuyobozi we wa Roho ko hari umuntu urembye byo gupfa kandi uwo murwayi akaba yari amaze iminsi yarihakanye ukwemera akaba yifuza kugarukira Imana mbere yo gupfa.

Natwe reka twifashishe iyi ngingo maze muri iki gihe cy'Igisibo tuzagire abantu tugarurira Kiriziya; yaba abana mwigana badahabwa amasakaramentu, abana muzi bataye ishuri, by'umwihariko tuzihatire gufasha bagenzi bacu batagira umuryango (family) babuze uwabagirira impuhwe ngo abakire iwe , cyangwa se bananiwe kwiyakira wenda kubera ibibazo bitandukanye byatumye baba badafite iwabo cyangwa umuryango nkabandi bana bagahinduka inzererezi, tuzasabe aba Omoniye bacu badufashe dusange abo bana aho bari tubashyire imfashanyo yacu tuzaba twarakusanyije uko dushoboye nk'abana.

Muri iki gisibo tugendeye kuri ubu buhamya bwa Dominiko Savio, nawe rero yari umwana nkatwe, tumwigireho kuba:

- Abanyampuhwe (TO BE **MERCIFUL)**
- Abatera ibyishimo (TO **BE JOYFUL)**
- Abanyamahoro (TO BE **PEACEFUL)**

Mutagatifu Dominiko Saviyo adusabire!

HABINEZA JEAN BAPTISTE :
Umuyobozi wa Pueri Cantores RWANDA
~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~